**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA RUSIZI**

N⁰ ..2027...../0306 Rusizi ku wa ..01 MAR 2024

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku myanya 52 mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

***Kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:***

(a) Ari Umunyarwanda;
(b) Yabisabye ku bushake;
(c) Agejeje nibura ku myaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
(d) Ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
(e) Atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;
(f) Afite impamyabushobozi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
(g) Afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta;
(h) Atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta; kandi
(i) Yatsinze ibizamini byo kwinjiza abakozi muri DASSO

***Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:***

1. Ifishi isaba akazi yujuje neza iboneka k'urubuga rw'Akarere ka Rusizi;
2. Fotokopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa Noteri;
3. Icyemezo cyo kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge;
4. Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe mu Rwanda;
5. Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzego z'umutekano (kubigeze kuzikoramo)
6. Fotokopi y'indangamuntu.

Inyandiko zisaba akazi zizagezwa mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere kuva kuwa ..01./03/2024 kugeza kuwa ..11../03/2024 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

Vice Mayor in Charge of Economic Development
RUSIZI DISTRICT

AKARERE KA RUSIZI

for

**Dr KIBIRIGA Anicet**
Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi

Scanned with CamScanner